REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKUBOZA 2023

10 Mutarama 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKUBOZA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ukuboza 2023, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,4% ugereranyije n'Ukuboza 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2023 byari byiyongereyeho 9,2%.

Mu kwezi kw'Ukuboza 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 11,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 6,7%.

Ugereranyije Ukuboza 2023 n'Ukuboza 2022, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,7%.

Ugereranyije Ukuboza 2023 n'Ugushyingo 2023, ibiciro byagabanutseho 2,5%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 1,5%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukuboza 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,1% ugereranyije n'Ukuboza 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2023 byari byiyongereyeho 9,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 8,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,7% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16%.

Ugereranyije Ukuboza 2023 n'Ugushyingo 2023, ibiciro byagabanutseho 5,6%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 10,2%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukuboza 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 6,2% ugereranyije n'Ukuboza 2022. Mu kwezi kw'Ugushyingo 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 9,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 9,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 8,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 9,6%.

Ugereranyije Ukuboza 2023 n'Ugushyingo 2023, ibiciro byagabanutseho 4,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 1,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2022 kugeza m'Ukuboza 2023.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2022** | **2023** | | | | | | | | | | | |
| | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 | 6,4 |
| Mu byaro | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 | 6,1 |
| Mu Rwanda | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 | 6,2 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 | -2,5 |
| Mu byaro | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 | -5,6 |
| Mu Rwanda | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 | -4,4 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw